EDCL

ENERGY DEVELOPMENT CORPORATION LIMITED

# ITANGAZO

## 1. Isobanurampamvu

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa gahunda ya Leta yo kugabanya ikoreshwa ry'ibicanwa bikomoka ku bimera;

Ikigo gishinzwe guteza imbere ingufu (EDCL) gishamikiye kuri Sosiyete y'u Rwanda inshinzwe ingufu (REG) irahamagarira ibigo byigenga na koperative bicuruza amashyiga arondereza ibicanwa, ibicanwa bisimbura amakara n'inkwi ndetse na gaze itekeshwa (LPG) gutanga ibyangombwa byabo kugirango bazagirane amasezerano y' imikoranire.

## 2. Ikigamijwe

Iyi gahunda igamije kugabanya ikoreshwa ry'ibicanwa bikomoka ku bimera hakwirakwizwa amashyiga agabanya ingano y'ibicanwa bikoreshwa ndetse n'ibindi bicanwa bisimbura inkwi n'amakara.

## 3. Inshingano za EDCL muri iyi gahunda

- Gufatanya na ba Rwiyemezamirimo mu gukora ubukangurambaga rogamoje kumenyekanisha ibikorwa byabo
- Gutanga inyandiko za ngombwa zishyigikira ba Rwiyemezamirimo mu gihe basaba ubufasha mu zindi nzego bugamije kwagura ibikorwa byabo.
- Guhuza ba Rwiyemezamirimo n'inzego z'ibanze ndetse n'izindi zigira aho zihurira n'ibikorwa byabo
- Gukurikirana ibikorwa byose bigamije gukwirakwiza amashyiga arondereza ibicanwa ndetse n'ibicanwa bitngiza ibidukikije

## 4. Ibisabwa abifuza ubu bufatanye

- Ibaruwa yandikiwe umuyobozi mukuru wa EDCL igaragaza ubushobozi bwa Rwiyemezamirimo bwo kugeza ku babicyeneye amashiyiga arondereza ibicanwa cyangwa ibicanwa bitangiza ibidukikije.
- Icyemezo cy' ubucuruzi gitangwa na RDB cyangwa icyangombwa cy'iyandikwa rya koperative
- Icyemezo cy' uko nta mwenda ubereyemo ikigo cy' igihugu cy' imisoro n' amahoro (RRA)
- Icyememezo cy' uko uteganyiriza abakozi gitangwa n'ikigo cy'igihugu cy'ubwiteganyirize (RSSB)

- Icyemezo kigaragaza ko ibyo ucuruza byapimwe na laboratwari ibishoboye
- Rwiyemezamirimo agomba kwiyemeza kujya atanga raporo ya buri kwezi igaragaza ibyo yacuruje
- Gutanga gahunda y'uko Rwiyemezamirimo azageza ibikorwa bye ku babicyeneye no kubafasha kubikoresha neza nyuma y'uko abibagejejeho.
- Amashiga arondereza ibicanwa agomba kuba afite ubushobozi bwo gukoresha neza ingufu (Thermal efficiency) kugera ku kigero cya 25%.

**5. Uburyo bwo kohereza ubusabe**

Ibaruwa yandikiwe umuyobozi mukuru wa EDCL iherekejwe n' ibyangombwa byavuzwe haruguru izoherezwa kuri **fgakuba@edcl.reg.rw** kopi yoherezwe kuri **pmusanganire@edcl.reg.rw** na **tmusoni@edcl.reg.rw** bitarenze kuwa ....... /...... **.2020** saa kumi n'imwe z'umugoroba. Ku bindi bisobanuro mwahamagara kuri 0788440127.

06 AUG

**Bikorewe i Kigali, Kuwa ......../......../2020**

ENERGY DEVELOPMENT CORPORATION LTD
EDCL

**Felix Gakuba**

**Umuyobozi Mukuru**